

Gahunda

Umunsi wa mbere (Kuwa Gatanu)- Tariki 21 Nzeri

18:30 – 19:00 : Ijambo ritangiza ibikorwa rya Minisitiri Louise Mushikiwabo

19:00 – 21:00 : Imurika ry'ibimaze kugerwaho kuri ubu mu Rwanda

Ivurura rikomeje mu bijyanye n'imiyoborere

Nk'uko bikomeje kugaragazwa n'ubushakashatsi ku rwego mpuzamahanga, Abanyarwanda bafitiye icyizere inzego za Leta ku kigero cyo hejuru. Ibi ahanini bituruka ku mavugurura yagiye akorwa hagamijwe guteza imbere umuturage ndetse no kuba abayobozi basabwa kugaragaza umusaruro w'ibyo baba bagezeho mu byo bashinzwe.

Uzatanga ikiganiro: Prof. Shyaka Anastase, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere

Impinduka mu Bukungu n'Imibereho mu Rwanda, icyiciro gikurikira cya EDPRS

Kuva mu myaka icumi ishize, u Rwanda rwagize ubwiyongere bw'ubukungu ku kigereranyo kingana na 8% . Ubu bwiyongere bwatumye habaho impinduka mu bukungu n'imibereho y'Abanyarwanda kuburyo miliyoni imwe muri bo yabashije kwikura mu bukene mu myaka 5 ishize mu gice cya mbere cya EDPRS. Guverinoma y'u Rwanda yihaye izindi ntego mu gice cya kabiri cya EDPRS kuburyo 45% by'abaturage bazabasha kwikura mu bukene.

Uzatanga ikiganiro: Minisitiri w'Ubukungu n'Igenamigambi John Rwagombwa,

Umubano w'u Rwanda n'amahanga

U Rwanda rukomeje guteza imbere imibanire myiza ishingiyeye ku bwubahane, inyungu ku mpande zombi n'ubwuzuzanye hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu, hagamijwe gusigasira amahoro, umutekano n'iterambere.

Uzatanga ikiganiro: Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Louise Mushikiwabo.

21:00 – 00:00 : Igitaramo nyarwanda

Umunsi wa kabiri (Kuwa Gatandatu) – Tariki 22 Nzeri

07:00 – 13:00 : Kwiyaandikisha

08:00 – 13:00 : Imurikabikorwa

11:00 – 13:00 : Ikiruhuko

13:00 – 15:00 : Imyidagaduro

14:00: Imiryango yinjira ahazabera igikorwa nyamukuru izaba ifunzwe

15:00 : Kuhagera kw'Umushyitsi Mukuru

Indirimbo yubahiriza Igihugu

Itorero ry'Abanyarwanda batuye muri Amerika ya Ruguru

15:30 – 16:00 : Disikuru zitandukanye

16:00 : Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru

Kwiyakira n'imyidagaduro

